

IMFASHANYIGISHO YA 09: GUSASIRA IBITI BYA KAWA

Kuki dusasira?

Isaso ituma ubutaka bugumana ubuhehere, ikongera ifumbire-mborera mu butaka, igafasha mu kurwanya cg kugabanya isuri kandi ikarwanya ibyatsi bibi mu murima.

Isaso igira amoko atandukanye. Hari isaso ibora nk'umukenke, Temeda, Terebusakumu, ibisigazwa by'ibihingwa. Hari kandi isaso itabora nk'ibyatsi bihingwa bigatwikira ubutaka (mucuna, Vesse na desmodium, mimosa, Arachis Pintoi.). Isaso itabora igira umwihariko wo kongera imyungu mu butaka nka Azote, ndetse bikanagabanya cyane ikiguzi cyo kubagara kawa.

Mu gukoresha isaso ibora, umuhinzi ashyiramo isaso ihagije nibura akageza kuri Cm 15 cg 20 uvuye ku butaka. Hagati y'igiti n'isaso kandi hajyamo nibura cm 20 kugirango itaba isoko y'udusimba twangiza kawa nk'umuswa, ibishorobwa,

Mu gukoresha isaso itabora/ibihingwafumbire, umuhinzi yirinda ko ibyatsi bikura bikabangamira kawa, akaba agomba kubikata igihe bikuze no kwirenda ko byegera igiti cya kawa.

Ubusobanuro bwo gusasira



Gusasira ni ugutwikiriza ubutaka ibikoreshe bibora bikabungabunga ubutaka

Urugero rw'ibikoreshe byiza byo gusasira:
Ibyatsi, ibikenyeri, amashara, ibishogoshogo, ibicericeri n'ibindi.

Urugero rw'ibikoreshe bibi byo gusasira: Amashashi, pulasitiki, impapuro, imyenda n'ibindi bikoreshe byose byakorewe mu nganda, Ibyatsi bitabora nk'uruteja na kura isuka kuko bihita Bizana ikirare mu ikawa kandi kubikuramo bikaruhanya

Akamaro ko gusasira:



- Utindana ubuhehere bw'ubutaka
 - Kurinda isuri
 - Kongera amazi yinjira mu butaka
 - Kubungabuka ifumbire y'imborera mu butaka
 - Kurwanya ikirare
 - Gukumira indwara zaturuka mu butaka
- Gusasiza ibihingwafumbire bishobora gukurura azote yo mukirere bikayigarura mu butaka, ni akarusho

Igihe cyiza cyo Gusasira ni



Mbere y'uko ubutaka bwumagara cyane, kugirango isaso ibike ubuhehere bukenewe n'imizi ya kawa Nyuma yo gufumbire kugirango intungagihingwa zitagenda

Isaso igomba gushyirwa muri cm10 uvuye kuruti rwa kawa, kugirango hakumirwe imiswa n'utundi dusimba twose dushobora kwangiza ibiti bya kawa